

**KU BAJYANAMA BAGIYE KWIGA IBY' IMIBANIRE Y'ABAHUTU
N'ABATUTSI N'ABATWA.**

**DORE TUBASOBANURIRE UKO BYAHOZE KUVA KERA.
DORE UKO INGOMA NYIGINYA YATANGIYE MU RWANDA.**

Abanyiginya aho bururukiye ni Rwanda rwa Mubari ku rutare rw'i Kinani. Ubwo habanje Kigwa, na Murumuna wa Mututsi, na mushiki wabo Nyampundu, bazana inka zabo 2 : Rugira n'ingizi, n'intama zabo 2 : Mudende na Nyabuhoro, n'inkoko zabo 2 : Rubika na Mugambira, n'imbwa zabo 2 : Ruzunguzungu na Ruguma, n'innyoni zabo 2 z'inyange, n'inyundo yabo n'umuvuba.

Bamaze kugeraho bakurikirwa n'umutwa wabo Muhwabaro, araza Muhwabaro arababaza ati : ko mwansize ? Bati : twaje twihuta sitwebwe. Ati : mbese ye, aho murareba ibiti byino ngo birasa n'iby'iwacu ? Ati : aho mbese byo ntibyagira umuriro nk'iby'iwacu ? Baramubwira bati : gerageza. Umutwa aherako arema urushingo n'inshingati yarwo. Ashinga umuliro ubwo aracana.

Intworo zabo bazanye n'imiheto y'ibihekane. Inyamaswa zije kureba aho bacanye bakazirasa. Batungwa lero n'umuheto wabo. Kigwa yerekera hirya yabo mugacyamu azana amabuye y'ubutare, arayabazanira ati : nimurore hano hali inganzo nk'iy'iwacu; baherako batera uruganda ubwo baracura.

Kwa Kabeja, Umwami w'Abazigaba, babona Umwotsi, kurora uwacanye umuliro aho; baje basanga amakome ali atatu. Uwambere wali uwa Kigwa, uwa kabili wali igicaniro cy'inka n'intama, uwa gatatu, wali uwa Mutwa Muhwabaro. Aliko yali yawucanye hirya hategeranye nabo. Babazigaba baje kubarora, bababonye barababaza bati : Muliki ? Barabasubiza, bati turabantu b'Umwami. Aha se mukahakora iki ? Barabasubiza bati : turacura kandi tukanahinga. Babonye impu zibambye bati ese ntimwaduha akanyama ? Abandi bati ni muze tubahe; baraza babaha imitworo ibahagije bese. Bageze hirya za nyama bazihisha shebuja Kabeja; bamaze kuzihisha bajya kwa shebuja wabo Kabeja, ababaza icyo babonye kuko aliwe wali wabohereje. Bati twahabonye abantu bateye nk'abantu ko. Bati aliko nibarebare cyane, cyeretse umwe w'umugore wabo, bati aliko nawe yenda kureshya nabo. Bati aliko hirya yabo niho twabonye umuntu ucanye hirya yabo ukwe, wenda kureshya natwe. Bati kandi twabonye n'inyamaswa ziryanye kumaguru yabo (alizo mbwa).

Kabeja abwira abo bavuyeyo ko bazasubirayo kubabaza ko bashaka guhakwa, cyanga se ko bashaka gutura. Bagiye kujyayo noneho bajyana n'abandi Bantu bene wabo, bajyanywe no gusaba inyama; bagezeyo bavuga ubutumwa, babasubiza ko biturira aho, yashaka akazabahaka; babandi babasaba inyama nanone, maze banga kuzibaha, barababwira bati : kugirango tubahe inyama keretse mutwubakiye, bati ibyo turabikora. Ubwo biruka bafite amabuye yo kudonda ibiti no kubivuna ; abandi babonye ntacyo bajyanye cyo guca ibiti barabagarura bati : ni muze tubahe igitema neza kandi vuba ibi, maze bagarutse babaha imihoro, maze bajyana nabo baberekera uko batema nuko baza gusongora ibiti. Bamaze kuberekera baraza babubakira ubwo, maze abandi babaha inyama.

Ubwo basubiye kwa Kabeja banyurana n'abandi baje guhakwa, bahakirwa inyama. Baje nabo bati : lero nimuze namwe tubanze tubereke ibyo mudukorerwa. Barabajyana babereka ubutare, bati lero aya mabuye nimuyadutorere mugire menshi ;

barangije babaha inyama. Bamwe barataha, abandi bati twe ntaho tujya. Bati twe nimutwihakire. Bahamaho barahakwa.

Babandi batashye bageze kwa Kabeja, amaze kumenya ko hali abandi basigayeyo, abandi lero bali bamaze kugera iwabo, Kabeja arabaca. Ati : uwagiye iyo ngiyo ntangarukire ahanjye, ati ntabwo tubana.

Babandi bose barahomboka bajya kwa Kigwa arababaza ati : Muhinga mute ? Bati duhingisha inkondo z'ibiti bazimweretse ati : ibi byahingishwa bite ? Arazihinyura maze abaha amasuka n'imihoro yo gutema. Bamaze kubitora bazana imbuto maze abereka aho bamuhingira ; maze bamuhingira kane (4), ati cyo namwe nimugende mwihingire. Abasigaye kwa Kabeja baza guhakirwa amasuka n'inyama zihigishwa imiheto ; ubundi bo bajyaga gutega inyamaswa bakazibagisha amabuye, kuko batali bazi gutega. Bene icyo gihugu bose baza guhakwa kwa Kigwa.

Ko mwunva abantu baburana umunani, ababurana umunani ko ali abavandimwe, n'imibanire yacu ko ahubwo baje tukabahaka kugeza ubu, ubundi buvandimwe bwacu n'ubuhe ? Gatutsi na Gatwa bahuriyehe na Gahutu ko twumva ko Gatutsi na Gatwa na Gahutu ko ali bene Kanyarwanda, nyirukubabyarana na Kanyarwanda yitwa nde, n'umuki ? Ko twumva ko Kanyarwanda ali we wabyaye Gatutsi na Gatwa na Gahutu, kandi tukaba tuzi ko Kigwa ali we wabanje kure ya Kanyarwanda, kandi tukaba tuzi neza ko Kanyarwanda yavutse nyuma, ayo moko aliho, byashoboka bite kugira ngo abyare ataravuka ?

Dore Kanyarwanda bavuga ko aliwe Kimezamiryango da. Ngo ko aliwe utubyara twese.

1. Kanyarwanda n'uwa Gihanga
2. Gihanga n'uwa Kazi
3. Kazi n'uwa Muntu
4. Muntu n'uwa Merano
5. Merano n'uwa Randa
6. Randa n'uwa Kobo
7. Kobo n'uwa Gisa
8. Gisa n'uwa Kijuru
9. Kijuru n'uwa Kimanuka
10. Kimanuka n'uwa Kigwa wasanze abantu mu Rwanda.
11. Ngaho namwe muratwumvire iyo mivire n'indimwe yacu n'abahutu yo kwa Kanyarwanda.

Ni twe abagaragu b'I bwami bakuru:

- 1) Kayijuka -2) Serukamba - 3) Rukemampunzi - 4) Mazina - 5) Rwesa -6) Sebanjji -
- 7) Ruzagiriza -8) Ndamage -9) Sezibera -10) Sekabwa -11) Shamukiga 12) Nkeramiheto

Nyanza, le 17/5/1958.

ABAHINZA RUGANZU YISHE:

1. Rubuga mwene Kagogo
2. Rubuga " Bagunama
3. Nyaruzi " Haramanga
4. Mpandahande " "
5. Sambwe " Cyarugimba

6. Katabirora " Kabibi
7. Gisurere " Rubambura
8. Nzira mwene Muramira
9. Nyagakecuru aliwe Nyangoma
10. Mbeba aliwe Mabya
11. Ruhande - ?
12. Balishaka -
13. Semukondo (w'umukende) - ?
14. Sangara - ?
15. Ruvuzo - ?
16. Ngiga - ?
17. Cogo - ?
18. Ryangombe rya Babinga - aliko n'umutsindo.
19. Nsibura na Nyina Nyiransibura.

Aba bahinza bishwe n'uyu mwami ahindura ibihugu byabo. Ibindi bihugu byahinduwe n'abandi bami bica abahinza bali babilimo. Ntitugombye kubavuga, nimushaka muzabirebe mu Nganji Kalinga, biranditse.

Ikibazo : Ubwo batsindaga ibihugu by'abahutu b'abahinza, bakabahaka ali abavandiwe babo ?

Ababyandikishije :